



*Kamena / Juni 2021*

*Ikinyarwanda*

## **Hano hari agahungu gafite imigati itanu y'ingano za bushoki n'amafi abiri!**

(Yh 6,9)

**Kontakt:** Meinolf Wacker  
Kirchplatz 7  
59174 Kamen

**Mobil.:** +49-172-5638432  
**Mail:** [meinolf.wacker@go4peace.eu](mailto:meinolf.wacker@go4peace.eu)  
**Homepage** [www.go4peace.eu](http://www.go4peace.eu)

---

**Nguhaye icyo mfite!  
I'll give you what I have!**

Nshuti bakunzi ba go4peace,

yari ukurikiye abandi by'amatsiko gusa. Ntiyari ari azi neza aho berekezaga. Yisahakiraga gusa kuhaba. Yari umwana uri mu kigero cy'imyaka 8 cyangwa 9. Icyo gihe yari amaze kugura amafi n'imigati. Ariko aho kubijyana mu rugo, yakuruwe n'imbaga y'abagendaga, arabakurikira. Abo bantu bari bakurikiye umwigisha witwa Yezu. Amagambo ye yari yuje ubuzima! Bose bari bashishikariye kumwumva. Ni uko amasaha yo kurya aragera. Aho kohereza abantu mu ngo zabo, uwo mwigisha yahisemo kubihera ibyo kurya.

Kugira ngo abo bantu bashobore kurya bagahaga, byasabaga ko basangira. Wa mwana yaje ku mwana w'ibanze. Yatanze byose yari amaze kugura, ya migati itanu n'amafi abiri. Nyina w'uwo mwana wari utegereje ibyo yamutumye, araza kubivugaho iki? Ibyo byose ariko uwo mwana ntiyari abyitayeho. Mu buziranenge bw'umwana, yahisemo gutanga ibyo yari afite byose. Uyu mutima ugira ubuntu ni ishuri kuri buri wese. Bamaze kurundarunda ibimanyu byose byari bisigaye, bujije inkangara cumi n'ebiri.

Umunsi umwe, hari mu mwaka wa 2011 ubwo nari mu rugendo mu ihuriro ry'urubyiruko rw'isi yose ryabereye i Madridi. Nyuma y'urugendo rurerure n'amaguru, mu bushyuhe bwa dogere zigera kuri 40°, twese ntawarose tugera mu busitani bw'ikibuga cy'indege cyitwa „Cuatro vientos“. Aho ni ho habereye imihango yasoze iryo huriro. Ubwo twari mu isengesho ryo mu gicuku, haje kuza inkubi y'umuyaga n'imvura idasanzwe. Umwe mu rubyiruko twari kumwe yari afite ishashi mu gikapu cye. Yagerageje gutwikira abari bamwegereye bese ariko biba iby'ubusa, bese baranyagiwe baratoha umubiri wose. N'ubu nibuka ukuntu yari yishimye mu maso ye. Yari ashimishijwe no kuba yashoboye gutanga ibyo yari afite byose. **Nguhaye ibyo mfite! - I'll give you what I have!**

Ku bw'itsinda go4peace Meinolf Wacker